K0151762

| | |
|---|---|
| Identification | : C.55/K95 0189 01/04/94. |
| Duration | : 60 min. |
| Quality | : good. |
| Transmission | : RTLM. |
| Name of transcriber | : Gatimbiro Uwera Olga. |
| Date of transcription | : 18/5/2000. |
| Name of file | : 0189. |
| Dictaphone | : Express Write Model 250-65n516525. |

K0151763

# RESUME DE LA CASSETTE N° 0189.

**FACE A.**

* BEMERIKI lit un communiqué du parti PD soutenant la CDR et son entrée dans toutes les institutions de transition à base élargie
* HITIMANA Noël parle de la mort de KATUMBA et de Maurice. Il critique aussi le statut des différents partis politiques.
* Communiqués nécrologiques.

**FACE B.**

* Communiqués.
* Le MRND section RWAMAGANA est accusé de préparer le massacre des Tutsis.
* Le FPR aussi est accusé de lancer des grenades à Rwamagana.
* GAHIGI parle de l'attaque dans le bistrot du journaliste KABONABAKE Thomas.
* L'interview de GAHIGI Gaspard avec MISAGO RUTEGESHA Antoine dans la serviette duquel fût découvert un couteau juste avant d'être reçu par le Premier Ministre Agathe UWILINGIYIMANA.

Orateur : BEMERIKI Valérie.

... ee... qui présente... qui nous présente ce qu'il pense en ce qui concerne le Parti CDR qui doit faire part de... de toutes les institutions de transition à base élargie et spécialement dans l'assemblée nationale de la transition. Ce communiqué est rédigé comme suit : "en sa séance...", non, il écrit comme ça, Kigali le 31 mars 1994, monsieur le premier vice-président du parti CDR Coalition pour la défense de la république, donc c'est une lettre qui est adressée au premier vice-président du parti CDR. Il est dit comme ça.

Monsieur le premier vice-président, en sa séance du 30 mars 1994, le bureau politique du Parti Démocrate a fait un examen approfondi de tout le... ee de tout les motifs militant en faveur du parti CDR Coalition pour la défense de la république. Le bureau politique du Parti démocrate et le Parti démocrate dans son ensemble reconnaissent à tous les partis politiques agréés en République rwandaise leur droit d'agir politiquement et leur droit d'adhésion libre aux options qui leur conviennent c'est dans ce cadre, c'est dans ce cadre honorable que le Parti démocrate à travers son bureau politique soutient clairement l'option prise par le Parti CDR de signer le code d'éthique politique en rapport avec l'accord global de paix d'Arusha et son entrée inconditionnelle à l'assemblée nationale de la transition. Le peuple rwandais, l'option nationale et internationale doivent retenir que le Parti démocrate demeure libre de garder sa propre position politique libre de soutenir toute cause qu'il juge juste et pertinente dans le plus grand intérêt de la nation rwandaise. C'est dans cette conviction et seulement dans cette conviction fondamentale et salitaire et salutaire que le Parti démocrate libre d'agir et indépendant dans ses décisions, a souverainement décidé à travers son bureau politique de soutenir l'entrée de la CDR à l'assemblée nationale de la transition dans le strict respect de droi... de lois et de l'accord de paix d'Arusha sans lui créer de obs...des obstacles inutiles et nuisible à la véritable réconciliation nationale de tout le peuple rwandais. Pour le Parti démocrate, c'est signé son secrétaire général monsieur Karumuhinzi Laurien. Ubu rero, comme vous venez de l'entendre mes chers auditeurs, le Parti démocrate soutient inconditionnellement l'entrée...

... bien sûr mais moi je parlais tout à l'heure de... de la lettre adressée au premier vice-président du Parti CDR par le Parti démocrate à travers le bureau politique de ce Parti. Donc le Parti démocrate soutient inconditionnellement ee.. l'entrée ee... du Parti CDR à l'assemblée nationale

de la transition après examen approfondi de tout les motifs militants en faveur du Parti CDR. Chers auditeurs, nous avons 12 heures et 11 minutes dans nos studios, c'est presque la fin de nos émissions, c'est d'ailleurs la fin de nos émissions et je vous souhaite de passer une bonne journée et on se verra peut être on pourra se rencontrer à 18 heures de cette journée, de ce soir pour nos omi... nos émissions de la soirée.

Nk'uko rero nabibabwiraga mwiyumviye icyo parti démocrate itekereza ku ishyaka CDR yo iragaragaza ko mu by'ukuri imaze gusuzuma ibintu byose CDR igaragaza irasanga ee... CDR ishyaka CDR rigomba kwinjira mu Nteko ishinga Amategeko y'Inzibacyuho Yaguye kuko yanemeye gushyira umukono kuri ya nyandiko izagaragaza imyifatire yi... y'amashyaka azajya muri ziriya Nzego.

Ubu rero nagira ngo mbashimire, mbashimire mwe mwese mwakomeje gukurikirana ibiganiro bya Radiyo RTLM muri iki gitondo mukaba mwari muri kumwe kuri micro na BEMERIKI Valériya afashinjwe na NTEZIMANA Jean kuri technique. Ubwo rero nagira ngo oo... mukomeze mwi... mugire umunsi mwiza, ubwo murongera kuza guhura na Radiyo RTLM saa cumi n'ebyiri za nimugoroba ari na ho baza kubagezaho amakuru amwe asigaye ndetse n'ibyaba byabereye hariya hakurya kubera biriya... ariya magrenade bateye uriya munyamakuru.

Ubu rero nabasaba ko e... twasezeranaho hanyuma technicien akadushiriraho indirimbo yubahiriza igihugu i... isoza ibiganiro byacu. Mwirirwe rero.

Orateur : HITIMANA Noël, journaliste de la RTLM.

... makuru yose, amakuru yose ubu ngubu nababwiye nti uwitwa... NTEZIMANA Mathias wo muri préfecture ya Gisenyi, commune Kayove, secteur Kayove, serire Gihira (rire) ati "Bwana HITIMANA Noheli iwacu ni kure cyane ndetse Radiyo Rwanda ntituyumva neza ariko RTLM tuyumva neza cyane" ati "na... nagusabaga ko... ngo umare amatsiko" ati "se uri umusaza, uri igikwerere, ufite abana bangahe? Du... duheruka ijwi ryawe kera (rire) ugikora kwa... hum ngo kwa mukeba Radiyo Rwanda ubu se mwamenye ko nta yindi radiyo ducuranga kubera hum, ko

muvugisha ukuri umuntu aje kubasura yababona ate"? Ati "murakoze mwana wa mama, Imana iguhe amahoro". Hum! Ati ni njye Mathias NTEGEYIMANA. Mathias NTEGEYIMANA rero mwana wa mama, mwana wa mama Noheli si umusaza ariko mfite imvi (rire), mfite imvi ndi... ndi igikwerere mfite mu myaka 40, ye ? Irenzeho gakeya,

6.3

abana mfite ni bake ni batatu gusa (rire), ni batatu gusa bose biga imwishuli, bose biga ishuli rwose nta gato karimo hum urakoze kunyibuka, kunyibuka ni benshi banyibuka.

Ubu rero ibya... iby'urupfu rwa Katumba rurigutera abantu ibibazo, rurigutera abantu ibibazo cyane muzi ko... bavuze ngo "KATUMBA yapfuye" ejo Kigali yose yarahagaze, yose irahagarara bati "ni umuntu wapfuye". Ariko se ko abantu babeshya rubanda ni KATUMBA wari wapfuye wenyine muri iyi Kigali ? Cyanga na Maurice yari yapfuye kandi ari Umututsi? Katumba w'Umuhutu ni we watumye Kigali ihagarara Umututsi wapfuye ntiyatuma ihagarara ? Ibyo be kujya babeshya abantu, be kujya babeshya abantu. Abishi ba... KATUMBA se si bo bishe Maurice kugira ngo bajijishe nyine bavange imfu z'Umututsi n'Umuhutu noneho bavange bajijishe? Be kujya batujijisha. Be kujijisha kuko ni ibihuhu hari bingezeho bati "docteur e... NYIRABANYIGINYA Andereya, radiologue ni radiologue hariya akora muri iriya hôpital ikaze ya mbere mu... mu gihugu yo kuri Roi Fayçal hum, akaba akora ndetse no kwa muganga rimwe na rimwe à mi-temps hariya muri C.H.K hum" bati "n'ubundi nk'uko twari tumuzi" bati "ha! Ntabwo yahwemye kubivuga ndetse akiri n'i Buruseli yarabivugaga ati "njyewe" ati "nakwikundira Inkotanyi". Bati "rero yafashe umuryango we wose bi... bahunze" bati "bigiriye mu Nkotanyi". Ni... bishobora kuba ari ibihuha ariko niba ari byo abaturanye na we ubu bashobora kongera bakadutelefona bati ntabakiri mu rugo baragiye. Hum! Na docteur IYAMUREMYE Pierre ni umunyacyangugu hum, afite nyina w'Umuhutu, ise n'Umututsi si byo ? Ariko rero (rire) akora muri ORL hariya muri C.H.K (rire) tu... kubona rero abantu bahunga bavuga ngo... ngo... ngo bajyaga bavuga KATUMBA aho yakoraga kubera ko KATUMBA na we yakoraga muri MINISANTE, bati "ubwo twavugaga KATUMBA nabi" bati "reka twigendere". Urupfu rwa KATUMBA rero niba rutangiye ku... kubona aba docteurs bahunga bajya muri CND

bishobokako enquête y'uwishe KATUMBA yatangira kuboneka. Yatangira kubona niba aba docteurs bafite ababashinja ko bavuga ko KATUMBA ababogamiye mu kazi kandi Katumba ni umushoferi, hum, umushoferi mu... muri MINISANTE bavuga ngo "kiriya gi CDR", hein, ngo "kibabogamiye". Niba rero ba... batorotse batinye urupfu rwa KATUMBA ni bo bazi icyishe KATUMBA n'uwamwishe hum ! (rire).

Andereya rero niba uri muri CND uri kumva Radiyo RTLM ibya KATUMBA uzabibazwa kubera ko wari ufitanye ibibazo na KATUMBA kandi bikaba bizwi aho ukora. Aho ukora bari babizi. Niba rero watorotse kandi niba uri imuhira udutelefone cyangwa uze hano uvuge uti mumpe ijambo njyewe KATUMBA nta cyo dupfa uti ndi hano Docteur Andreya IYAMUREMYE.

9.2

Ayo na Docteur NGIRABANYIGINYA naho IYAMUREMYE ni Pierre, ni Pierre. Hum! Abo bombi rero bari bafitanye ibibazo byabo byihariye na KATUMBA kandi ngo baba batorotse bagiye. Niba bagiye rero ubwo bigaragaje. Bigaragaje iby'urupfu rwa KATUMBA bishobora kuba bitangiye kugaragara.

Twumve umuzika nyuma ndakomeza mbagezaho andi marorerwa ari kuba muri iyi Kigali kubera ko abantu batangiye gushya ubwoba! Batinya nde ariko ? Batinya iki ? Batinya iki? Kuki? Batinya iki ?(rire)

Radiyo Muhabura yabyutse irimo intaranga, itaranga HITIMANA Noheli, ariko se irantaranga "agati kateretswe n'Imana ko nta muyaga ugahungabanya", barantaranga njyewe ntabwo ndebye mu bwoba navukiye mu bukene, narwaye amavunja umuntu warwaye amavunja rero iyo ageze aho akagira igihe arenzi... agera... arenza imyaka 40 yararwaye amavunja bajye bamwitondera kubera ko atatinya na busa, na busa, na busa, na busa watinya iki se ? Watinya urupfu uri munsi y'ijuru? Watinya inkuba imvura igwa? Yee, kereka ubaye mu nzu imvura ntiguko, ariko no mu nzu inkuba irakubita, nta kibazo kirimo. None se abari mu rugano bo si abantu ?(rire) Kuvuga

ngo "Noheli rero" ngo "asigaye abasererereza", Radiyo RTLM ntisererereza ivugisha ukuri tuzakuvuga mpaka, mpaka, mpaka, mpaka na KATUMBA yarapfuye. (Musique).

... iki cyangwa kuvuga bongorerana cyangwa umuntu akavugira ku mutima ati "bi... bivuyemo, bivuyemo rwose" ati "twe turabizi", unyandikiye simuvuga izina mfite ibarwa ye rwose hano irasinye, ni TWIRINGIYE rero Albert, ni TWIRINGIYE Albert (rire) n'umugore utuye ku Ntaraga witwa BAMURANGE Immaculée hum, bose bakora rero mu biro by'imisoro bati "umuntu wishe KATUMBA" bati "adushake tumuhembe" ngo "bamuhembe" babivuze ababyumvise babyumvise ku mugaragaro hein niba ari ko bimeze rero muri iki gihugu Inkotanyi zumve neza ko zifite Inkotanyi mu biro byose muri za Ministère hum, ndetse no mu bigo byigenga no mu bikorera ku biti... ku bi... gu... ku giti cyabo ariko bamenye ko nta banga na rimwe tutamenya, nta banga na rimwe abashinzwe umutekano batamenya, nta banga na rimwe ry'Inkotanyi ritarara rimenyekanye kuko abo basanze muri iki gihugu babasanze wenda ahari batabazi, batazi aho igihugu kigeze mu majyambere, aho kigeze mu iperereza, aho kigeze mu kwimenya, mu kwimenya.

Naho kubeshya ngo Noheli yari agiye kwica Chairman (rire) ibyo ni ibintu ni... ni inzozi, n'inzozi nta n'ibyo narota Chairman, Chairman KANYARENGWE ni umuntu nzi ndi umwana, aranzi yarandeze njyewe ahaaa! Aranzi kuva hasi kugera hejuru nanjye ndamuzi ku buryo nta... sinapima nta n'icyo byamarira kubera ko byo dushaka muri iki gihugu ari amahoro. Amahoro rero ntaho nayashakira mu maraso kereka niba bo barota amaraso bakagira ngo ni yo mahoro naho none

11.9

ntabwo nashakira amahoro mu maraso. Kumva rero ba... bantangaza kuri Radiyo yabo ngo "Noheli wa mwicanyi" ah! Ah! Ah! Ah! Ha! (rire) Yewe! Ha! Yewe! Eh! Eh! Eh! Eh! Ugiye mu Ruhengeri cyangwa ukajya i Byumba ukazenguruka ariya makomine ya Butaro, Kidaho, Cyeru, Cyumba... Cyumba, ki...Kivuye, Mukarange ukagera ah! Ah! Ah!, ku Muvumba uka... ukagaruka niwagera muri Kigombe, wenda ukajya ndetse no muri Mukingo ukazamuka ruguru...

ukazamuka kw'i Kora wakumva abababaye abo ari bo n'ababishe abo ari bo, bakubwira agahinda bafite, bafite kugeza no kuri Base ukazana za... Nyamugali hum, za nya... oooo! Wajya no muri Nyakinama no muri Nyamutera hose nta ho batababaye. Ntaho batababaye, ntaho batababaye rwose wababaza uti ese mwababajwe na nde uzababaze, amatora yabi... (coupure) gutoresha mwigeze ku... gutoresha abaturage hein na bo bashize iryinyo ku rindi bati "wenda batumare turatora kanaka aho gutora Inkotanyi". None se, ni Noheli si waje gusansibiliza ? Ko mwiririwa musansibiliza bigera ku ki? Bigera kuki si Noheli... si Noheli rwose... si Noheli ukuri kuri hanze aha kuzagaragara.

Reka ndamutse uwitwa NZABIHIMANA Andreya wo muri Bushora, Komine Mukarange i Byumba yanyandikiye kandi ni impunzi yangejejeho ibitekerezo byinshi, byinshi mu ngingo 8 ariko rero ati hum, ingingo ya 6 ni yo ngiye kubasomera ati "bibuke ko n'ubwo twavuye mu byacu ko dufite ibitekerezo n'imigambi ya kigabo, ko tutemera ko igihugu cyacu kitegekwa n'Inko... tanyi zishe rubanda nyamwinshi ruzira ubusa. None ngo ababishe ni bo bashaka ubutegetsi". Hum! Ngo "abatwishe" ngo "ni bo bashaka ubutegetsi". Hum! Ni ingingo nyinshi n'iyo ngingo... abari kumva Radiyo RTLM kandi barebwa n'icyo kibazo bazi ko bazabibazwa, bazabibazwa n'iyo bavuga ngo... ngo hari amashyaka, amashyaka y'abicanyi ngo ariko rero ngo abo twasezeranye kujya muri Guverinoma hamwe ngo bo... twe nti... ntibitureba kubera ko nta manza dushaka. Ariko ngo... ngo utundi dushyaka duto... utundi dushyaka duto nka CDR ngo ni twebwe tugomba gutekereza mu mutima wacu niba twatwemera turiya duto ariko twe... twe ntibaturebe. Ngo twe ntibaturebe! Hum! Bazi impamvu batagomba kubareba nyine! Ngo nti... ntibaturebe. Ese wabaza ati amashyaka muri iki gihe muri statuts zayo... amashyaka, muri statuts zayo ukabaza uti MRND statuts zanyu ziravuga ziti "icya mbere cyo twi... twimirije imbere ubumwe n'amahoro, n'amajyambere". Hum! Ubumwe n'amahoro n'amajyambere. MRND yagushubije iti turebe ubumwe Batutsi barimo, Abahutu barimo, Abatwa barimo bati amahoro bati turi mu ntambara bati amahoro abayatuvukije barahari turimo turarwana ni ko bimeze. Amajyambere bati wajya mu majyambere

15.3

ute se uri mu ntambara ? MRND ubwo aho yagutsinze , aho yagutsinda rwose. Uti MDR (rire) Mouvement yee? Irwanira demokarasi na Repubulika. Ariko se muri MDR ubabajije uti demokarasi iri he? Bakubwira bati mu ishyaka ryacu demokarasi ahubwo yarapfuye kubera ko TWAGIRAMUNGU Fawusitini hein, ha! Ahubwo na NSENGIYAREMYE usigaye we yaricecekeye udasinya hirya cyanga hino hein, Premier vice-président nyine... mu minsi ishize muzi ko twa... twavumbuye ko agiye kwigira kwa... TWAGIRAMUNGU Fawusitini, twarabivumbuye kandi tubivumburira ahantu hemewe, hazwi, hemewe rwose, hemere ku buryo na we ubwe atabihakana. Atabihaka twamuha abagabo, twamuha abagabo ntiyabihakana ko agiye kwigira kwa... kwa TWAGIRAMUNGU Fawusitini kugira ngo yibonere umwanya wo kuba ministre.

None se wavuga ngo demokarasi bayifite he ? Hum? Hari igice kimwe kiri kuyirwanirira kitwa Power kirimo kirarwana, kirarwana inkundura wenda ngo demokarasi izaboneke ariko se bo ba... bavuga bose se ko barwanira repubulika ? Hum? PSD abantu barwanira amajyambere ya rubanda hein na demukarasi. Demukarasi yose iri muri PSD iyo bavuga ngo ministère iyi n'iyi izajya muri préfecture iyi ngiyi ku mpaka, ngo prefegitura Gikongoro izaba iy'ubuhinzi-ubworozi uretse ko na byo iyo njye mbyumva numva ari urwenya birambabaza, birambabaza kumva... hari radiyo igenda ivuga ngo "Gikongoro inzara yabishe, yabishe"! Bajye bavuga bati "Ministre kanaka w'Ubuhinzi- bworozi aratwishe, aratwishe kubera ko ari we Ministre wabo w'iwabo muri prefegitura yabo utaragize icyo abamarira bakaba bageze igihe bapfa.

Ariko se we iyo umuntu... iyo baguhaye ubutegetsi ubanze he se? U... u... uri umunyagikongoro ubanza Kigali cyangwa ubanza kureba ko abanyu bashonje cyangwa baburaye ukabatabariza? Hum? Ubu se NZAMURAMBAHO yavuga ko yatabarije Gikongoro ate ? Yabahaye agafumbire ? Yabahaye agafumbire? Yabahaye abagoronomu se aba ngaba b'abanyabwenge ba... yewe ba hatari ? Hum! Nibuka ko agoronomu ukomeye ukaze wari uri yo ubu ngubu bamugororeye kuba Directeur wa ISAR kubera ko yari amaze kubateza imbere bamaze kubona icyo kurya. Bamu... hayi... baramugororeye bati "jya gutegeka ISAR" ariko nyuma avuyeyo inzara irabamaze. NZAMURAMBAHO si ntiyize agronomie? Yavuze ati njyewe nitangiye prefegitura ahubwo no

kuba ministre ndabiretse reka njye gukorera bene mama dukore tuzamure..., tuzamure prefegitura turebe icyo cyago cy'inzara tukiveho, asabe amahanga, asaba, asabe, asabirize hubwo hum, asabe ati "abanyagikongoro bene mama be kwicwa n'inzara. Oh! Kugira Ministre akajya aza iwanyu ngo aje gukoresha amanama y'ishyaka akabarundanya

18.2

ngo ni mwumve ishyaka hum, ngo ni président w'ishyaka mupfa! Banyagikongoro mupfa, mupfa ngo mufite Ministre w'Ubuhinzi-ubworozi, président w'ishyaka ushaka kubashyira mu ishyaka afite hectare 40 z'igishanga wenyine, wenyine ngo noneho ngo nimupfe mamfu we ari i Kigali ararya! Ari i Kigali ararya ngo azataha rero noneho azaza se ate. Ye! Ubwo afite ukuntu azaza hano gukoresha meeting ku Gikongoro. Han! Iyo ni PSD da ! N'i Butare batangiye kurira na bo ngo inzara yabamaze kandi PSD i Butare (rire) wagira ngo ni ho yavukiye. None se han! Yewe! Hari PL, PL rero... PL nta ko MUGENZI atakoze, MUGENZI yabonye kare abona ko ha! Abona ko abantu kumucurika bamuha inka y'ububwa, yabibonye kare bamuha inka y'ububwa ati "kurya inka y'ububwa rero birankomereye" ati "noneho abayimpaye ndabamenye". Lando na we ati "nibereye Inkotanyi byantwara iki ? Ko ari ugufata amadorali nkarya! Hum! Kandi we afite double nationalité ni ko bajya bavuga, bajya bavuga ko afite double nationalité ashobora kwibera Umunyakanada cyangwa akaba Umunyarwanda ibyo ngibyo hum, aramutse abonye bihindutse nta wamenya iyo anyuze.

PDC hum! PDC rero NAYINZIRA, ni Nayinzira hari abasigaye bamwita... si njyewe umwise iryo zina, basigaye bamwita, ngo "Nayinzara", we yaragiye atya ati "njyewe" ati "ndashyiraho iby'Imana", iby'Imana nyine ashyiraho ishyaka. Ati "ndishyizeho rero" ati "mwa bagabo mwe mumfashe dusinye" ariko nyuma bamaze gusinya ati "ntimuzongere kumvuga" ati "njyewe ngiye kwibera mu Nkotanyi banyihere amafaranga, naho mwebwe ibyo ngibyo byanyu murimo nta mafaranga mufite". Aragenda arabata yibonera amafaranga yigurira Benz. Hum! Yigurira Benz nyine none se umuntu... waba warahoze uri umudagitilo ukagera igihe wagura Benz? Ukagira ngo wowe wakora ute ? Hum! Wakora ute iyo ubonye a... hum! Ngo "amafuti y'umugabo ni bwo buryo bwe" umanza uwo mugani ari uwe bwite, umanza ari uwe bwite!

MFBP uriya Mudamu, uriya mudamu bati "tugiye kumurega mu nkiko" bati "yadutwaye umwanya" ariko abari kumurega na bo bazitonde kubera ko ntabwo ari uburyo bw'umugore bwa... amakosa y'umugore ngo ni bwo buryo bwe ! Ushinze ishyaka na we aba azi impamvu arishinze akaba azi n'aho rizamugeza. Ariko se kurwana ku ba... ku bari n'abategarugori no kuri Rwanda rugufi ubu ngubu ni byo ndikuvuga ngo... ibyo bize mu mastati yabo, ishyaka rigiharanira stati ni irihe ? Iriharanira amastati yayo ukavuga ngo twe twiyemeje ibi, guharanira ibi n'ibi, programu ni iyi ngiyi tuzajya dukora amanama igihe iki n'iki, igihe iki n'iki mu... mu gihembwe dukore ibi, ikindi gihembwe dukore ibi, mu mwaka turaba tugeze kuri ibi mu ishyaka

21.2

turwanira babantu twavuze. Ni irihe? Hum! Ko amashyaka yose arimo abasivili si abasirikare. Ni irihe? ni iz'iyihe congrès? Ku Kabusunzu ubundi haba amakongere y'abahinzi-borozi, amakongere y'abaki y'abarwa... abaharanira ikuremwamuntu baravuga ngo ni ikiremwantutsi, hein! Abaharanira ibyo bintu byose bakora amakongere. Amashyaka agikora amakongere yo kugira ngo aharanire rubanda ni ayahe ? Ni ayahe? Muri PECO, muri PECO bati "ibidukikije", baheruka kubivuga kera sinzi niba ubu ngubu bagifite gahunda cyanga ibindi byo guharanira ibidukikije. CDR, CDR bo urebye ubu ngubu ni bo bakivuga bati "ah! Ah! Ah!" Bati "ntakarengane naka". Ubu ngubu ubu ngo bararwana n'umwanya wabo kugira ngo bajye mu Nteko ishinga Amategeko ngo bakomeze baharanire icyo biyemeje, icyo biyemeje. Si byo se ? Icyo biyemeje rwose. Ubu ngubu urebye mu manota watanze amanota ukabaza uti mutange amanota wasanga CDR iri ku isonga mu manota kubera ko n'ubu ngubu baremera bagapfa, barimo barapfa, barapfa BUCYANA yarapfuye, abandi barapfuye, abandi baracyapfa n'abandi baracyavuga mu maradiyo babashyira ku mirongo, amalisti yarakozwe barabizi, ni bo bantu urebye... (inaudible) kujya babeshya rubanda barwanire kugira ngo dushyireho Inzego z'Inzibacyuho Yaguye noneho wenda bavuge bati Noheli twari twarabuze aho dukorera none tubonye urubuga none reka dukore, noneho reka turwanire twese hamwe gushyiraho izo Nzego. Turwanire twese hamwe gushyiraho izo Nzego nizimara kujyaho, nizimara kujyaho noneho buri shyaka ryongere rivuge riti programme iratangiye yongeye kujya mu bikorwa. Naho ubundi amaprogramu, analyses zanjye, amaprogramu, hum amaprogramu ariho mu mashyaka...

amaprogramu akurikizwa ni make, bose muri iki gihe bararwanira imyanya, ni inda. Bose bari mu by'inda, bari mu by'inda gusa ariko kandi bajye bibuka ko abaturage babashyigikiye bagomba kugira na bo ikibageraho; ntibagerweho n'amahiri cyanga amasasu gusa bagerweho n'ibikorwa bindi bibateza imbere. Twumve umuzika. (Musique).

... (inaudible) Jean-Damascène wo muri armée rwandaise camp Kimihurura ati "iyo ndirimbo ishimishe rwose ababyeyi banjye, ababyeyi banjye (inaudible) n'uwa batisimu, abo muri Segiteri Yaramba, Komine Kibali, Prefegiture ya Byumba, inkambi ya Muhondo. Muri kumva rero ni Inkotani zigomba kuyumvana n'aba déplacés de guerre n'aba déplacés ha! Aaaah! Aba déplacés bamwe bati "uwanyereka Inkotanyi tukaganira". Hum, SAFARI Théoneste na we na madamu we batuye muri Segiteri Yaramba, Komine Kibali, inkambi ya Muhondo ni ho bahungiye, ba mama bacu bose hamwe na ba masenge bose hamwe na babyara

24.8

banjye bose ngo bagire Pasika nziza, inshuti zanjye zose hamwe n'abana bo mu batisimu, ingabo z'u Rwanda zose hamwe n'urubyiruko rwo muri Segiteri Yaramba rwose, abakozi ba Radiyo RTLM" n'icyana akunda cyane nk'uko he ! Ha! Ngo ifi ikunda amazi! Uwo nguwo rero ni Jean Damascène BAVAKURE.

Nyamara bigiye mu buryo ari Inkotanyi, ari ingabo z'u Rwanda bazabana neza neza bose ni Abanyarwanda bazabana nk'uko bashaka gusabana bakumvana uwo muziki.

Madame UZAMUKUNDA Véronique ati "mumpe indirimbo y'ibigwi by'ingabo z'u Rwanda" ati "ndayumvana na Solange na Bosco" ati "n'abo mu rugo bose" ati "ni ukuvuga abashefu banjye" ati "na ba mama na ba papa bari muri Nyakabanda, i Nyakabanda" ati "bose babyumve, bumve iyo ndirimbo y'ingabo". Mwese muyumve rero (rire), yewe ! (musique).

Kigali umuryango wa BITARABEHO Augustin wari utuye i Gatuna muri Komine Cyumba ubu wari wa... uri mu buhungiro i Masaka, Komine Kanombe baramenyesha ababyeyi, inshuti

n'abavandimwe aho bari hose mu buhungiro ko uwo RUTARABEHO Augustini wari urwariye mu bitaro i Kanombe na we yitabye Imana uyu munsi i Kigali i saa munani hum! Data we! Ni ejobundi yapfushije umudamu we none na we yitabye Imana. Kandi itangazo twarivuze kuri Radiyo rwose (kwimyoza). Barakurikiranye rwose nta n'icyumweru, nta n'iminsi itatu. bimenyeshwe cyane cyane GAKARAMA Yuvenali uri i Kigali, ZIRIMWABAGABO Jackson na ZIMULINDA Feniyasi bahungiye i Kigali, BISUGUSUGU uri i Nyacyonga na adjudant MUHIRE Vincent uri muri camp Gako. Abo bose basabwe kwihutira kugera i Masaka kugira ngo bafatanye n'umuryango gufate icyemezo cy'aho Nyakwigendera azashyingurwa. Bikorewe i Masaka ku itariki ya mbere z'ukwezi kwa kane 94, umwana wa nyiri... i... wa... Nyakwigendera NIZEYIMANA ni we wazanye iri tangazo.

Imiryango wa Ntezi... NTEZIRYIMANA uri i Kigali bababajwe no kumenyesha inshuti n'abavandimwe ko MUKANDAHIRO Alphonsine yitabye Imana mu ijoro ryakeye umurambo uzashyingura ejo tariki ya 2/4/94 i Gasagara kwa RUZAGIRIZA François i saa tanu z'amanywa. Bikaba bimenyeshejwe cyane cyane MURIRIKIZA Michel utuye i Kanzenze, NKEZAMIHIGO uri i Gashora, HAVUGIMANA Frodouard uri ku Gikongoro, KANAMUGIRE Athanase utuye i Rwampara, BUREGEYA utuye Bicumbi, MUGIMBA Déo utuye Huye i Butare, RUTAYISIRE utuye i Shyorongi, MUTAGANDA Théoneste utuye i Ngoma i Butare. Basabwe gutabara, uyizanye ni Ndangizi.

Umuryango wa Nyakwigendera TEBUKA Pawulo utuye muri Segiteri Sovu, Komine Muko ubabajwe

28.2

no kumenyesha ko Umufasha we KANKINDI Felesita ko yitabye Imana ku wa mbere tariki 28 Werurwe 94. Bimenyeshwe cyane cyane aba bakurikira : MURENGERANGA... MURENGERANGOGA, oya ni na MUVUNANDINDA batuye i Mureba..., i Mareba muri Komine Ngenda, NYIRAMISHANANA Tereza na MURIHANO batuye muri Komine Ngenda, BURANGA uba mu Ruhango muri Komine Tambwe, NYIRAMBARUBUKEYE Marie-Louise

n'umugabo we Pasteri ee... RUGIRANGOGA Anastase bose biga i "Negests" muri Kenya. Inshuti n'abavandimwe basabwe gusura abasigaye. BIRANTEYE Jean Marie Vianney ni we wazanye iri tangazo.

Umuryango wa Hadji Hamudu KAVUTSE utuye i Kiramuruzi, Komine Murambi uramenyesha inshuti n'abavandimwe ko umukecuru we witwa IYAMUREMYE Amina ko yitabye Imana mu ijoro ryakeye. Umurambo washyinguwe uyu munsi i Kiramuruzi mu saa... nyuma ya saa cyenda n'igice. Bimenyeshwe cyane cyane aba bakurikira : umugore we witwa... Muka... e... MUKASHAWIGA Habiba bakunze kwita mama Mariamu uri i Masaka muri Yuganda, Shabani Ali uri i Nyamirambo, NKULIYINGOMA Habibu uri i Mombasa muri Kenya, SHINDO Halidi uri muri Kenya, Amiyo Depite uri muri Kenya, Hadji Djuma NDUNDULI uri i Kigali, MPAYIMANA Casimir uri muri Kenya. Inshuti n'abavandimwe basabwe gutabara. Mu minota mike turibuze kubagezaho....

( FIN DE LA FACE A ).

Orateur : NKOMATI Emmanuel, journaliste de la RTLM. K0151776

... n'abanyamakuru. Radiyo Rwanda iti "twamaganye amaradiyo n'ibinyamakuru bivuganira abagome". Ayo maradiyo ni ayahe ? Ibyo binyamakuru ni ibihe ? Abo bagome ni ba nde ? Uwasubiza akurikije ukuri ntiyavuga ko ririya tangazo rya RUCOGOZA ryamagana Radiyo Rukokoma na Muhabura bisigaye bihuriye ku kinyoma no kurindagiza rubanda. Radiyo y'igihugu rero ikwiriye... ikwiriye... Radiyo y'igihugu ikwiriye iryo zina, ntiberanye no gutukana, ntiberanye no gusebanya, ibyo nibirekere iyo mu Migano. Nshuti mutwumva rero rwose birababaje, birababaje, birababaje. (Musique).

Président w'Impuzamugambi ziharanira repubulika muri Komine Rutongo aramenyesha abagize Komite ya CDR muri Komine Rutongo ko hari inama ibategenirijwe ku wa mbere tariki ya 4 Mata saa munani ku biro bya Segiteri Jabana. Icyitonderwa: abagize Komite y'urubyiruko rw'Impuzamugambi ziharanira repubulika muri Komine Rutongo na bo batumiwe muri iyo nama,
kandi RUGAMBA Eugène na Longin batuye i Jari na bo basabwe kutazabura muri iyo nama. Iri tangazo ryashizweho umukono na Président wa CDR muri Komine Rutongo uwitwa KARENZI Yohani Mariya Viyani.

Hadjati Mwadjuma Tembo aramenyesha abo yari yatumiye mu nama itegura ubukwe bw'umukobwa wabo MUKESHIMANA Dariya ko inama yagombaga kubera mu Biryogo kwa Hadji KITOFA yimuriwe iwabo w'umukobwa Majengo. Bimenyeshejwe abari bayitumiwemo bose. Isaha n'umunsi ntibihindutse. Ukuza kwanyu bizadushimisha.

Birashyushye muri "la Majorette" i Kanombe, igitaramo rurangiza kuri uyu wa gatandatu guhera saa mbiri kugeza mu gitondo. Kwinjira ni amafaranga 300 ku ba... ku bahungu na 200...

Orateur : HITIMANA Noheli.

... ikomeye uwitwa HABIYAREMYE Etienne ni uwo muri Nyamabuye i Gitarama azaze gufata permis de conduire ye iri hano. Permis de conduire kandi ni ikintu gikomeye kuyita rero ukagira

Imana ukabona yageze kuri RTLM uba ugize Imana. K0151777

Uwitwa rero Charles Maniga... Manigabe cyanga... wo muri... Adrien e... se wumvishe Adrien ONAPO i Kigali hein, Madamu Manega... MANEGADE Claire ni Claire Manegade Claire hein, anyuza amabarwa ye kuri monsieur Adrien muri ONAPO i Kigali, azaze rwose gufata ibarwa ye ishobora kuba ikomeye iri hano i Kigali.

5.0

Amatangazo aracyakomeza ariko mu kanya..., mu kanya NKOMATI yabateguriye amakuru agiye kubagezaho mu mwanya ariko mbere yaho reka mbe mbagezeho n'aya matangazo kuko na yo yihutirwa. NTIBAHERARIMWE Anastase arashimira abantu bose bamufashije mu byago yagize igihe se yitabye Imana. Aramenyesha kandi ko amasengesho yo kumusabira azaba tariki ya 3/4/94 kuri Pasika saa tanu iwe mu rugo i Kiraba ho muri Komine Gikomero. Abaye abashimiye umurava basanganywe. Ni... yitwa rero NTIBAHERARIMWE Anastase. (Musique).

... Kigali mu minota 2 NKOMATI arabagezaho amakuru... yanyu yanyu mu kinyarwanda ayo muri uyu mugoroba.

Komite ya MRND muri Komine Rutonde iramagana ibihuha biherutse kuvuga kuri Radiyo Muhabura bibeshya... bibeshyera Interahamwe na bamwe mu barwanashyaka ba MRND ko bategura umugambi wo kwica Abatutsi. Yi... twiyamye rero abanyarwamagaba boherereza Radiyo Muhabura ibihuha bigamije gusenya ishyaka MRND no ku... gusubirishamo Abanyarwanda. Bakaba basabye rero abaturage ko bagomba gushishoza kubivugwa n'iyo Radiyo. Icyatangaje abanya... abanyarwamagana... abanyarwamagana ni uko ku wa 3 tariki ya 23 no ku wa 4 tariki 24 Werurwe 94 Radiyo Muhabura yiriwe ivuga ko i Rwamagana abarwanashyaka ba MRND bafite intwaro zo kwica abatavuga rumwe na bo. Bwacya ku wa 5 tariki 25 Werurwe 94 bagatera grenade RWAKAGABO François n'abandi bari kumwe na we.

Bishoboka ko ari Inkotanyi zateguye uwo mugambi kuko kuva intambara yatangira ni bwo bwa mbere i Rwamagana haterwa grenade abantu kandi muri iyo minsi byavugwaga ko Inkotanyi zimwe zirara i Rwamagana, zigasubira i Kigali mu gitondo. Hum! Banyarwamagana rero murabe maso! byakorewe i Kigali ku itariki ya mbere uyu munsi bikaba byasinywe na Président wa MRND muri Komine ee... Rutonde MWUMVANEZA Enock. (Musique).

Orateur : NKOMATI Emmanuel.

Bati... "ni nde watubasha ko dufatanye urunana", bati... "ni nde watuvogera". Nshuti mutwumva dufite isaa moya zirenzeho iminota 31 muri studio zacu. Nshuti zacu, nshuti za Radiyo RTLM, Radiyo télévision yigenga mu misozi 1000 kandi yumvikana mu misozi 1.000, ijwi rya rubanda, musigaye mwumva amatangazo y'ibitutsi ategurwa na RTR akanyura kuri Radiyo Rwanda, amatangazo

11.0

yandagaza abategetsi, abanyabwenge bo mu gihugu, abanyapolitike ndetse n'abanyamakuru. Radiyo Rwanda iti "twamaganye amaradiyo n'ibinyamakuru bivuganira abagome". Ayo maradiyo ni ayahe ? Ibyo binyamakuru ni ibihe ? Abo bagome ni ba nde ? Uwasubiza akurikije ukuri yavuga ko ririya tangazo rya RUCOGOZA ryamagana Radiyo Rukokoma na Muhabura bisigaye bihuriye ku kinyoma no kurindagiza rubanda. Radiyo y'igihugu rero ikwiriye iryo zina ntiberanye no gutukana, ntiberanye no gusebanya, ibyo nibirekere iyo mu Migano.

Nshuti mutwumva dufite hano ibaruwa (arakoroye) yaturutse mu buyobozi bukuru (arakoroye) bw'ishyaka ry'aba démocrates yohererejwe Nyakubahwa Vice-président wa mbere w'ishyaka ry'Impuzamugambi ziharanira repubulika.

Iyo baruwa rero yanditswe... yanditswe ejo tariki ya 31 Werurwe 1994 n'Umunyamabanga mukuru w'ishyaka nyuma y'inama ya Biro politike y'iryo shyaka tumaze kuvuga haruguru, ishyaka ry'aba démocrate.

Iyo baruwa iteye itya : Nyakubahwa Vice-président ku itariki ya 30 Werurwe 1994 Biro politike y'ishyaka démocrate yize ku buryo bunononsoye ikibazo cya CDR. Biro politike y'ishyaka démocrate muri rusange yemera uburenganzira bw'ishyaka ryemewe mu Rwanda bwo gufata ibyemezo birufitiye akamaro.

Muri urwo rwego ishyaka démocrate rishyigikiye ku mugaragaro icyemezo cya CDR cyo gushyira umukono mu gitabo cy'amategeko agenga imyifatire y'amashyaka azajya mu Nzego z'ubutegetsi bw'Inzibacyuho Yaguye. Abanyarwanda n'Abanyamahanga bagomba kumenya ko ishyaka démocrate ryigenga mu gufata icyemezo cya politike gifitiye akamaro igihugu cyacu. Ni na yo mpamvu ishyaka démocrate mu bwigenge bwaryo kandi ribinyujije muri Biro politike yaryo ryiyemeje gushyigikira ishyaka CDR mu kujya mu Nteko ishinga Amategeko y'Inzibacyuho Yaguye kuko ari bwo buryo bwo kubahiriza amasezerano y'Arusha uko yakabaye yose, nta mananiza ayo ari yo yose.

Ubugizibwanabi mu gihugu cyacu buhangayikishije abantu benshi cyane, cyane abatuye mu mujyi wa Kigali aho abantu bicishwa imbunda na za grenades. Abo bagizibanabi bitwikira ijoro maze bagakora amarorerwa. Cyakoza abanyamahirwe basimbuka ubwo bugome. Mu ijoro ryakeye i Remera haraye humvikana urusaku rw'ama grenades yahaturikiraga. Aho twabashije kugera i Remera ni kwa Bwana KABONABAKE Thomasi nyir'ikinyamakuru "Echo des mille collines" no kwa Bwana GASIMBA Daniel nyir'i Bar Umutekano. Bwana GAHIGI Gaspard, rédacteur en chef wa RTLM yanyarukiye kwa KABONABAKE Tomasi ndagira ngo twumve ikiganiro bagiranye.

14.7

Orateur : GAHIGI Gaspard.
Tomasi umunyamakuru wa "Echo des mille collines" baraye bahatuye grenade e... hakomereka abantu 5 ku buryo bukomeye bakaba bari mu bitaro i Kanombe, hakomereka kandi abandi bantu 10. Iyo grenade bateye ikaba yangije ibintu byinshi muri ako kabare ka KABONABAKE:

comptoir ikaba yasenyutse, ibirahure by'inzu n'igisenge ukabona na byo byangiritse bikomeye.

Iyo grenade rero bayiteye mu ma saa 2 n'iminota 40 muri ako kabare ka KABONABAKE kari i Remera aho ba... bita kuri "Good year". Abateye iyo grenade bakaba bari mu i Toyota y'umutuku double cabine idafite plaque. Iyo Toyota ikaba yabonywe n'umugore wa KABONABAKE wari hanze, ibonwa ndetse n'umuzamu wa KABONABAKE bakaba babyemeje. Kandi bibaye ubwa kabili batera grenade kwa KABONABAKE kuko no ku itariki 25 z'ukwezi kwa 2 bateye grenade kwa KABONABAKE yangiza imodokari yari ihagaze imbere y'iwe ndetse imenagura n'ibirahure ariko ntiyagira uwo ihitana. None rero nkaba ndi hamwe na KABONABAKE inkuru ngo ibara uwayibonye na we yari ahari akaba yarusimbutse. KABONABAKE bateye grenade bate ko wari uhari byagenze bite?

Orateur : KABONABAKE.

E... murakoze GAHIGI e... kuba... mumpaye ijambo kuri RTLM cyane cyane ndabashimira ko mukibyumva mwihutiye kuza gutara iyi inkuru. Mu by'ukuri mu ma saa 2 n'iminota 40 ubwo twari mu nzu kuri comptoir iyi wabonye ya.... yangiritse, urugi rwari rukinguye ngiye kumva numva ikintu gikubise ku rugi kigwa hasi e... ubwo nahise mbwira abantu nti muryame. E... njye ubwo nahise ryama na mugenzi wanjye wari unyegereye na we turaryamye muri comptoir, noneho ariko kubera ko iyo ngiyo yari iguye ya mbere ita... ituritse, ubwo bahita bohereza iya 2, iya 2 ni yo ya... komerekeje abantu banywaga bahagaze inyuma ya comptoir. Ubwo ariko e... ihagarara umugore wanjye yari hepfo gatoya ku tu... kuri turiya tubutike tundi, umuzamu yari hariya hirya ku nzu igana kwa GATARAMA ayireba, bo ntibabyitayeho bo bibwiraga ko ari abantu bagiye kuva mu modoka baza kunywa. Gusa icyo umuzamu yambwiye ni uko iyo ya mbere bamaze kuyinaga umuzamu yabibonye asa n'ushaka kubegera ababaza ati "ibyo murimo ni ibiki" ? Ni bwo banaze iya 2 bahita biruka. Kuri icyo kibazo

17.4

cya scène ubwo ni uko byabaye, e... ubwo ooo... nagize amahirwe abo bakomeretse cyane

n'abatakomeretse cyane hari camionnette aho ngaho e... twahise tu... tuyisaba ihita ibajyana kwa muganga i Kanombe. Nkuko ubireba urabona nanjye ndi ikimuga e... ndiho plâtre sinashoboye kujya kureba uko bameze bagenzi banjye ariko ubu noherejeyo umugore e... yagiye kureba sindamenya e... uko bamerewe, e... 10 bo bahise babagaruka babavuye kwa muganga baragaruka mais 5 e... baraye ku bi... mu bitaro i Kanombe ariko mbabwiye ko ngo babasize muri soins. Ubwo rero ni ukuvuga ko e... ubwo na none wibabaje ukaba wageze aha nagusaba mbere y'uko usubira ku kazi wahanyura ukareba uko bimeze kugira ngo ushobore gutanga inkuru wigereyeho na none yerekeye kuri abo ngabo bakomeretse cyane.

Orateur : GAHIGI Gaspard.
Bwana KABONABAKE bibaye ubugira kabiri bagutera grenade, bari baguteye grenade nyine mu ma saa 2 n'iminota 40, tariki 25 baguteye indi grenade hano ku bwawe urabona uzira iki ko bibaye ubugira kabiri, kabiri kabiri mu rugo rw'umugabo ndumva bigomba kuba bifite icyo bishingiyeho ku bwawe ubona abagutera grenade bakuziza iki ?

Orateur : KABONABAKE.
E... urakoze kumpa... kumbaza icyo kibazo. E... mu by'ukuri baca umugani ngo uyoberwa... nta wuyoberwa umwibye ayoberwa uho amuhishe". Ibi ni ibintu bimaze igihe, ee... kuva njyewe najya mu rwego rw'ubuyobozi rwa MR... mw'ishyaka MRND muri iyi Selire naratotejwe cyane e... ku buryo ndetse wigeze kumva ko e... igihe abanyemashyaka byari bikaze bigeze kugurira abasirikare 2 kuza kunyica nzira ishyaka, nzira iri bendera ubona hano imbere y'iwanjye, icyakora e... Imana icyo gihe yakinze akaboko uretse ko na none no muri abo bantu bari banteye yaje... kutumvira amategeko ya bagenzi be bari bahuruye b'aba... b'abasirikari bagira ngo bamubuze kunyica akahagwa, uwo muntu yarahaguye ibyo urabizi! Ee... ikindi ni uko hano muri Selire ntuyemo e... harimo Abatutsi bandwanya cyane e... uretse ko harimo n'Abahutu ba... bemeye kuba ibyitso byabo, ibikoresho byabo, ibyo kugira ngo uzabimenye neza cyangwa ubone amazina yabo e... uzasanga muri "le Messager" numero 25 rwose uzayishake uzababonamo iyi liste irahari, aho bo

19.9

bateguraga umugambi wo kunyica, ahubwo bo bakandikira Ministre w'Intebe ku bwa Dismasi NSENGIYAREMYE ngo amfunge.

Ibyo bintu rero byarakomeje, byarakomeje ku buryo Abatutsi b'aha ngaha mbere yuko bantera iriya grenade y'ejobundi kuri 25 z'ukwezi kwa kabili hari babili rwose b'Abatutsi yenda ntashaka kuvuga izina ubu ngubu kuko urabona abantu bakomeye iri joro... iri joro ba... barara bampitanye, ariko barambwiye bati "va mw'ishyaka MRND n'ibendera urikureho ni bwo uzagira amahoro". Ikindi ni uko umunsi bantera iriya grenade ku itariki ya 25 y'ukwezi kwa 2 bo bwakeye... bwagiye gucya bo... bamwe bageze kwa Padiri ku Kicukiro, abandi muri Christus, nk'aho ari njye wabateye... ari bo babiteye njyewe.

Iyo migambi rero ni imigambi imaze igihe nk'uko ejobundi nahitishije tiri... ntuza... communiqué de presse nako communiqué... itangazo nishingana urabona ko nta n'iminsi 3 ishize uko nabivugaga. Abantu rero njyewe mbona bakomeje kunkurikirana d'abord ni abo Batutsi n'ibyitso byabo bari hano, plutôt ni abo Batutsi duturanye cyane cyane ko basigaye babyukira muri CND muri ziriya Nkotanyi babaha rapport ee... ikindi navuga kinakomeye cyane, ni uko nk'umuhungu witwa Désiré wa KANYARENGWE amaze iminsi yikubanga aha i... aza aha ngaha akanywa byeri ntazi ikimuzanye. Uwitwa Hubert murumuna wa LIZINDE aza aha kandi iyo bavuye aha bahita bajya muri CND, muri ziriya Nkotanyi kureba bakuru babo na ba se. Ubwo rero urumva ikibazo aho kiri njyewe ndemeza rwose ko abari banteye ni Inkotanyi zo muri FPR ariko zatungiwe agatoke n'abo bantu bose maze kuvuga, kuko iyo camionnette yaraye inteye ni camionnette izwi muri ziriya Inkotanyi zifite muri CND, iyo camionnette irazwi. Ahubwo icyo nibaza, nibaza ukuntu MINUAR irekura bariya bantu bagasohoka muri ubwo buryo, muri ayo masaha kandi twe twaribwiraga ko bariya bantu bavuye ku Mulindi bagomba kurindira ba shebuja muri CND, yaba asohotse agasohoka nibura hari impamvu kandi aherekejwe n'abantu ba MINUAR. Ubwo ni ukuvuga ko ubu yenda iri joro baragaruka cyanga ejo bazagaruka bampitane ariko amaraso yanjye njye ndayabara ku bantu b'Abatutsi duturanye mu Nyakabanda, nakubwiye

ko uzasoma iyo " Le Messager" numero 25 uzababonamo, ndabibara ku bantu maze iminsi njyewe mvuga mu itangazo amazina mwarayabonye, ko niba ari bu... ni bo baci... bari gucura iyi migambi yose yo zo kunyica, ndabibara ku bantu b'Inkotanyi bahaguruka muri CND bagamije kuza kunyica n'umuryango wanjye, nkabibara cyane cyane by'umwihariko kuri MINUAR irekura bariya bantu bakaza mu buryo bumeze kuriya bwo kujya kwica kandi bagomba gusohoka hari impamvu kandi baherekejwe.

23.0

Orateur : GAHIGI Gaspard.

E... nshuti mutwumva uwo mwumvaga ni KABONABAKE sinzi niba hari ikindi wongeraho KABONABAKE reka ne kukunigana ijambo.

Orateur : KABONABAKE.

E... ikindi nagira ngo nongereho ni uko kuva ke... kuva... hashize umwaka nako imyaka ibiri nsobanurira Inzego zibishinzwe, izishinzwe umutekano mvuga ko njyewe ndi menacer nzira ishyaka, ari muri MINADEF, ari muri MINETER, ari Brigade ya Kicukiro, ari Komine, ari Préfecture ibyo bintu barabizi, ariko kugeza ubu njyewe ntangajwe no kuba aha hantu kuri "Good year" abakomanda bose uko bagiye basimburana kuri s... kuri Brigade ya Kicukiro nagiye mvuga ko abo bantu bakwasira sécurité yabo, hakaba hari aba gendarmes en permenance. Ibyo bintu rero na n'ubu ngubu ntabwo ndabibona. Bahagera ari uko ikintu kimaze kumbaho, kimwe n'uko ubu bazahagera ari uko maze gupfa.

Njyewe icyo nasabaga, nasabaga ko izo nzego maze kuvuga zamenya ko hano ndi menacé niba Ministre runaka bamuha aba gendarmes 2 yirirwa agenda na bo, ibyo ndabyumva ni umutegetsi, ariko niba najye mfite umuryango iyi quartier urabona ituwe n'abantu benshi nkaba mvuga ikibazo kiriho kuki aho hantu batahashyira abantu pour assurer la sécurité?

Sinarangiza na none ntakubwiye ko ikintu cyantangaje ku bantu ba MINUAR, ubwo bimaze kuba nijoro abantu ba gendarmerie bayobowe na... na... na... n'umukapiteni hariya ku Kicukiro bahageze, haza n'abantu ba MINUAR. Ikibazo bambajije, babajije, babajije ngo "ese" ngo "uwo

mugabo ba... bateye n'abo bantu banyweraga aha" ngo "bari mu rihe shyaka"? Icyo kibazo rero ugasanga na none giteye inkeke. Giteye inkeke kubera ko niba b'intervenant dans le cadre y'amashyaka simbizi ubwo ibindi mubo... uraza kwikorera analyse cyane cyane iyo analyse uze kuyikora umaze kureba n'abo ngabo bari muri soins i Kanombe. Murakoze.

Orateur : GAHIGI Gaspard.
Nshuti mutwumva uwo mwumvaga ni KABONABAKE Tomasi abagizi ba nabi bakaba bateye grenade mu kabari ke kari i Remera aho bita muri "Good year", iyo grenade ikaba yakomerejeke abantu 5 ku buryo bukomeye bakaba bari mu bitaro i Kanombe, ikomeretsa n'abandi 10 kandi

25.2
yangiza byinshi, isenyagura byinshi muri ako karabe ka KABONABAKE.

Ikintu rero gitangaje navuga nyuma y'ubugizibwanabi bwakorewe KABONABAKE ni uko muri iki gihe iyo abagizibanabi bagiye kugutera barabanza bakabivuga cyangwa bakabyandika. Ibyo byagaragaye kuri KABONABAKE ubwe kuko amaze iminsi azanye itangazo kuri RTLM avuga ati "nyamara hari abantu bagiye kuntera". ByagaragaYe kuri bwana MBONAMPEKA kuko babyanditse mu binyamakuru bavuga ko bazamutera baramutera koko. Byagaragaye kuri GAPYISI kuko banditse ko agiye gupfa akamanuka mu muriro utazima arapfa koko. Byagaragaye kuri KATUMBA ni ukuvuga rero nkuko KABONABAKE abivuga umuntu utunzwe agatoki muri iki gihe byaba mu magambo, byaba mu binyamakuru kuko akwiye kurya ari menge kandi n'ubutegetsi bukareba uko bwamurwanaho.

Orateur : NKOMATI Emmanuel.
Tumaze kumenya ko mu bazanywe mu bitaro 6 ari bo bamerewe nabi cyane kuko ari bo bakomeretse e... bikomeye, akaba ari aba bakurikira :
hari MUNYAMPETA Victor wakoraga muri MINIPRISEC, hari MPAMANA Pierre-Céléstin wakoraga muri MINISUPRES, hari NZABONIMPA Prosper wakoraga muri BACAR, hari DUSHIMIMANA Laurent hakaba na NDIKUMANA Josi ndetse na MUSENGIMANA Gloriose.

**Cassette n° 0189 transcrite par OL 22**

Nanyarukiye kwa bwana GASIMBA Daniel nsanga na ho baraye bahateye grenade, iyo grenade bayiteye mu ma saa saba z'ijoro. Iyo grenade rero bayiteye muri boîte y'uwo mugabo ahari Bar Umutekano. Iyo Bar yari imaze iminsi idakora neza kubera umutekano muke muri ako karere. Ubundi yakoraga... ubundi yakoraga buri munsi ariko ubu ngubu isigaye ikora rimwe na rimwe yakira cyane cyane abagize amakwe.

Iyo grenade yangije bikomeye i boîte ku buryo bagomba kongera kuyubaka bundi bushya, nta muntu warimo cyakoze. Iyo urebye neza rero usanga umuntu wayiteye ari uhasanzwe ahazi neza, wakwitegereza neza ukabonamo umugambi wo kwangiza, akaba ashaka gutera ubwoba no kubuza uburyo nyir'Ibare Umutekano. Bwana GASIMBA Daniel yantangarije ko uwo muntu uhora umuteza ama grenades azwi, Kuko atari ubwa mbere, inshuro ni nyinshi uretse ko Imana yagiye ikinga ukuboko.

Ku mpungenge z'uko abakiliya bashobora gucika muri Bar Umutekano, yambwiye ko agiye gushaka abashinzwe umutekano bazombereye muri ako kazi ko kurinda ibintu n'abantu, kugira ngo abashe gukomeza gukorera muri iyo Bar, ndetse n'abantu bakomeze

28.3
kuyigana bahagende nta cyo bikanga.

Dufite i saa moya zirenzeho iminota 50 muri studio zacu, nshuti mutwumva rero dukomereje ku makuru twabateguriye.
Inkuru yabaye kimomo ko ejo umwe mu bayobozi ba CDR, Bwana MISAGO RUTEGESHA Antoine yafatanywe icyuma igihe bari bagiye kwakirwa na Ministre w'Intebe Madame UWILINGIYIMANA Agata.Tumaze ndetse kubona itangazo rigenewe abanyamakuru ryashizwe ahagaragara na Directeur de cabinet muri Ministère y'Intebe, ryemeza ko ngo "bafatanye..." ngo "bafatanye Bwana MISAGO icyuma kirekire kandi gityaye gifite ikirindi gitukura". Bwana GAHIGI Gaspard rédacteur en chef wa RTLM amaze kuvugana na MISAGO kuri telefone ndagira ngo twumve icyo bagezeho.

**Cassette n° 0189 transcrite par OL 23**

K0151786

Orateur : GAHIGI Gaspard.

Inkuru yabaye kimomo ko ejo umwe mu bayobozi b'ishyaka CDR, Bwana MISAGO RUTEGESHA Antoine yafatanywe icyuma igihe bari bagiye kwakirwa na Ministre w'Intebe Madamu UWILINGIYIMANA Agata. Tumaze ndetse kubona itangazo rigenewe abanyamakuru ryashyizwe ahagaragara na Directeur de cabinet muri Primature ryemeza ko bafatanye koko Bwana MISAGO icyuma kirekire kandi gityaye gifite ikirindi gitukura. None dufite Bwana MISAGO RUTEGESHA Antoine kuri telefone turagira ngo tukubaze MISAGO ubwire abatwumva, Iyo nkuru ni yo koko bagufatanye icyuma cyangwa ni uguharabika byateye? Bwana MISAGO.

Orateur : MISAGO RUTEGESHA Antoine.

Ee... murakoze Munyamakuru GAHIGI e... iyo nkuru nanjye koko maze kuyumva e... uretse ko atari yo narintegereje, narintegereje ahubwo ibiva mu mishyikirano twagiranye na Agata UWILINGIYIMANA e... tuzi yuko ahubwo atubwira ibyo twa... twari twavuganye yiba hari icyo yagezeho. E... ibyo uvuga rero koko uti ba... batanze communiqué nanjye maze kubyumva. Uko byatangiye Agathe UWILINGIYIMANA yaraduhamagaye. Yabwiye Premier Vice-président NAHIMANA Théoneste mu ijoro ryo ku wa 30 ndakeka amubwire yuko ngo ashaka yuko duhura, ariko ntiyamubwira ibyo tuza kuvugana. Nanjye uwo munsi ntabwo nari nahiriwe nari nagiye iwacu aho mvuka ku isambu noneho njyana ibikoresho nkenera byose, mfite mbese na gihamya y'uko ntiriwe mu rugo ko nagiye nyuma ya saa 6, nagiye... nagiye njye nari ndi iwacu. Noneho ubwo mugitondo saa moya bari bangezeho

31.2

bambwira bati "ngwino tu... turaza guhura na... mad... (coupure)".

**Cassette n° 0189 transcrite par OL 24**

K0151787

( FIN DE LA FACE B ).